**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA**
**GASABO**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO RWISUMBUYE RWA GASABO.**

Umwaka wa 2022, umunsi wa 16, ukwezi kwa Gashyantare;

Twebwe KWIZERA Jocelyne, umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashjwe n'umwanditsi warwo NZAYISENGA Aaron;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Gasabo bwaregeye Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, uwitwa MAJYAMBERE Aphrodice mwene KIVURA Venant na MUTUMWINKA Concessa, wavutse ku wa 01/01/1984, utuye mu Mudugudu wa Kabukuba, Akagari ka Kabukuba, Umurenge wa Juru, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, ukurikiranwe nk'uwihishe ubutabera, ukurikiranyweho icyaha cyo Gukubita cyangwa Gukomeretsa ku bushake byateye urupfu, icyaha giteganywa kandi kihanishwa n'ingingo ya 121 al 5 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano;

Tumaze kubona ko ikirego cy'Ubushinjacyaha gifite numero 00042/IPRL GASA/2021/FM/JU kigeze mu Rukiko gihabwa nº RP00021/2021/TGI/GSBO ;

Tumaze kubona ko urubanza rwahawe itariki yo kuburanishwa yo ku wa 16/02/2021 saa mbiri za mu gitondo ariko **MAJYAMBERE Aphrodice** uregwa ntiyitabe Urukiko kuko yarezwe nk'uwihishe ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'Itegeko nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya uko uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera ahamagazwa, no ku ngingo ya 162 y'iryo tegeko iteganya uko acirwa urubanza iyo atitabye;

Dutegetse **MAJYAMBERE Aphrodice** kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Gasabo kuwa **17/03/2022 saa mbiri za mugitondo (8h00)**, kugira ngo aburane urubanza rwavuzwe aregwamo n'Ubushinjacyaha, natitaba hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, acirwe urubanza adahari ;

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ahabigenewe ku Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo no gutangazwa mu kinyamakuru **Imvaho nshya**.

**Aaron NZAYISENGA**
**UMWANDITSI**

**KWIZERA Jocelyne**
**UMUCAMANZA**